## Inama z’Umutekano za Copedu Plc

1. **Rinda amakuru y’iyo konti**
    - Ntuzigera usangiza undi wese ijambo ry’ibanga (password), PIN cyangwa OTP yawe.
    - Koresha ijambo ry’ibanga rikomeye (rigizwe n’inyuguti nini n’intoya, imibare, n’akarango kadasanzwe. Urugero: Secure@2025).
    - Jya uhindura ijambo ry’ibanga ryawe kenshi.
2. **Irinde uburiganya bukoresheje imeri (phishing)**
    - Ntukande ku mbuga cyangwa imeri zitizewe.
    - Jya ubanza wemeze ko imeri ikomoka muri banki koko.
    - Copedu ntizigera ikwaka amakuru yawe yinjira kuri konti ukoresheje imeri cyangwa telefone.
3. **Rinda ibikoresho byawe**
    - Shyiraho kandi uvugurure porogaramu irwanya virusi kuri mudasobwa cyangwa telefone yawe.
    - Jya uvugurura porogaramu ya banki n’uburyo bwa telefone cyangwa mudasobwa ukoresha (Operating System).
    - Irinde gukoresha Wi-Fi rusange mu gukora serivisi za banki kuri interineti.
4. **Kurikira imikoreshereze ya konti yawe**
    - Jya ureba buri gihe raporo y’imikoreshereze ya konti yawe kugira ngo umenye niba nta bikorwa byakoreweho utabizi.
    - Shyiraho ubutumwa bugufi (SMS) cyangwa imeri bikumenyesha buri gikorwa cyakozwe kuri konti yawe.
    - Menyesha Copedu vuba na bwangu igihe ubonye ibikorwa bikekwaho uburiganya.
5. **Irinde ubutumwa n’ihamagara by’uburiganya**
    - Abakozi ba Copedu ntibazigera baguhamagara basaba amakuru y’ibanga (nka password, PIN, …).
    - Menya neza niba ubusabe bwose butunguranye ari ubwa nyabwo, ubihamagarire kuri nimero ya Copedu: +250 788 319 829.
    - Ntugire icyo usubiza ku butumwa bw’ibinyoma buvuga ko watsindiye ibihembo cyangwa loteri bivuye kuri Copedu.
6. **Rinda amakuru ajyanye na karita yawe ya ATM**
    - Jya upfuka keyboard (utugambo) iyo winjiza PIN yawe kuri ATM.
    - Ntukandike cyangwa ubike PIN yawe kuri telefone.